FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS - INKOTANYI

# IMYANZURO Y'INAMA NKURU YA 16 Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI YATERANYE KU ITARIKI 02 MATA 2023

Ku Cyumweru tariki ya 02 Mata 2023, ku cyicaro gikuru cy'Umuryango FPR-INKOTANYI giherereye i Rusororo, habereye Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI iyobowe na Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba na Chairman w'Umuryango FPR-INKOTANYI. Iyo nama yahuriranye n'isabukuru y'imyaka 35 Umuryango FPR-INKOTANYI umaze ushinzwe.

Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI yabanjirijwe tariki 1 Mata 2023 n'Inama Mpuzamahanga y'Umuryango FPR-INKOTANYI "RPF INKOTANYI 35th International Conference" yatanzwemo ibiganiro bikurikira:

- Politiki nziza nk'inzira n'umusingi byo kwibohora, hubakwa igihugu cyifuzwa "Good politics: From Liberation to Nation- building";
- Uburyo Afurika yagira uruhare mu iterambere ryayo, "How will Africa take charge of its future?"

Ibiganiro byibanze ku bihe bigoye nyuma y'urugamba rwo kwibohora FPR-INKOTANYI yaciyemo, ahatanzwe ingero z'ibiganiro byiswe Kicukiro I na Kicukiro II ndetse n'ibiganiro byabereye m'Urugwiro bikamara hafi umwaka, byari bigamije gushaka umuti urambye ku bibazo by'ingutu igihugu cyari gifite. Ibyo



B.P. 195 Kigali, Rwanda Tel: 0252582048 Fax: 0252582043, Email: info@rpfinkotanyi.org, Website: rpfinkotanyi.org

biganiro nibyo byabaye intandaro y'amavugurwa yakozwe agamije kubaka bundi bushya Igihugu no kugiha umurongo w'ahazaza hacyo.

Ku birebana na Afurika muri rusange, hagaragajwe ko iyo hagiye gufatwa ibyemezo ku rwego mpuzamahanga, Afurika ifatwa buri gihe nk'insina ngufi cyangwa se nk'abantu bagomba gufatirwa ibyemezo aho kugira ngo ubwabo babyifatire cyangwa babigiremo uruhare.

Hagarutswe ku bikwiriye gukorwa kugira ngo iterambere ryifuzwa muri Afurika rigerweho, hagaragazwa ko abayobozi bakwiye kuba bumva neza ibikenewe kandi bakabigira ibyabo no gushyira mu bikorwa ibiba byemejwe.

Ku bijyanye n'Inama Nkuru y'Umuryango FPR- INKOTANYI, ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Ijambo rya Nyakubahwa Chairman wa RPF akaba na Perezida wa Repubulika ritangiza inama
2. Raporo y'ibikorwa 2021-2022 na Gahunda y'ibikorwa 2023-2024
3. Ikiganiro : Urugendo rw'Umuryango FPR-INKOTANYI mu myaka 35
4. Amatora y'abagize Komite Nyobozi y'Umuryango FPR-INKOTANYI
5. Ijambo rya Nyakubahwa Chairman wa RPF akaba na Perezida wa Repubulika risoza

Mu ijambo rifungura Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI, Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba na Chairman w'Umuryango FPR-INKOTANYI yashimiye abanyamuryango n'abandi batumirwa bayitabiriye.

Yagarutse ku kuba Umuryango FPR -INKOTANYI n'ubwo wizihije imyaka 35 atari muto nk'uko bamwe babyumva, ahubwo iyo myaka ari nk'imyaka 100 cyangwa

irenze bishingiye ku byatumye ubaho, ibibazo wagombaga guhangana nabyo n'uburemere bwabyo, ahanini bifite inkomoko kuva mu bukoroni.

Yagaragaje ko kubera ibibazo bigoye Umuryango FPR-INKOTANYI wagombaga guhangana na byo, wahisemo kugendera ku bintu bitatu by'ingenzi birimo gutekereza byagutse (to think big), kuba hamwe, haba abato n'abakuru (to be together) no kubazwa inshingano (to be accountable), hagamijwe kubaka no guteza imbere Igihugu twifuza.

Yibukije ko kuba hari ibyo Umuryango FPR-INKOTANYI wagezeho muri iyi myaka 35 umaze, hari ababigizemo ubwitange mu buryo butandukanye, barimo abariho n'abatakiriho.

Yavuze ko nyuma y'urugamba rwo kwibohora, Umuryango FPR-INKOTANYI wahuye n'inzitizi nyinshi zirimo gutangirira ku busa, kuko umutungo wose w'Igihugu bari barawusahuye n'abantu benshi bamaze kwicwa. Kuba bamwe mu bari bahawe imyanya muri Guverinoma Igihugu kimaze kubohorwa barahisemo gusahura umutungo muke Guverinoma yari yatangiriyeho uvuye mu bwitange bw'Abanyamuryango; bahungira mu mahanga, ndetse n'Abanyamuryango batakiriye neza kubazwa ibyo bashinzwe. Ibyo byose ntibyaciye intege Umuryango FPR-INKOTANYI, wakomeje kubaka Igihugu.

Yashoje avuga ko urugendo rukiri rurerure mu gukomeza kubaka Igihugu ari nayo mpamvu bisaba gukorana ingufu n'ubwitange kurushaho.

Muri iyi nama hemejwe:

- Raporo y'Ibikorwa by'Umuryango FPR-INKOTANYI by'umwaka wa 2021-2022;
- Gahunda y'ibikorwa by'umwaka 2023-2024.

Herekanywe filimi mbarankuru igaragaza mu ncamake urugendo rw'Umuryango FPR-INKOTANYI kuva ku rugamba rwo kwibohora no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi kugeza k'u Rwanda rushya dufite uyu munsi, rumaze kumenyekana ku rwego mpuzamahanga kubera uburyo rwashoboye kwiyubaka ku kigero gishimishije.

Hatanzwe kandi ikiganiro gifite insanganyamatsiko k'urugendo rw'Umuryango FPR- INKOTANYI mu myaka 35 ishize "Reflection *on RPF Journey for the past 35 years*", kibanze ku ngingo zikurikira:

- Kwitanga mu byo dukora hagamijwe kwishakamo ibisubizo, kandi harebwa ibifitiye inyungu abantu benshi;
- Kwigira no guharanira gukomeza guhesha agaciro Umunyarwanda.

Muri iyi nama, abatumirwa bari bahagarariye Imitwe ya Politiki yo mu bihugu by'inshuti bahawe ijambo batanga ubutumwa bunyuranye bashima intambwe Umuryango FPR-INKOTANYI umaze kugeraho mu myaka 35 umaze uvutse n'uburyo umaze guteza imbere Igihugu. Abafashe ijambo ni abahagarariye Prosperity Party/ Ethiopia, FRELIMO/Mozambique, SPLM/ South Soudan, NRM/Uganda, ZANU PF/Zimbabwe, CNDD FDD/Burundi, CCM/Tanzania, MCI / Republique Centrafricaine, PCT/ Congo Brazzaville na CCP/China.

Muri iyi nama kandi abagize Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI batoye abagize Komite Nyobozi y'Umuryango FPR-INKOTANYI mu gihe cy'imyaka 5 ku buryo bukurikira:

**PEREZIDA :** H.E KAGAME Paul
**VISI PEREZIDA** : Madamu UWIMANA Consolée
**UMUNYAMABANGA MUKURU:** Bwana GASAMAGERA Wellars

**ABAKOMISERI RUSANGE**

1. RUTAREMARA Tito
2. HARERIMANA S. Abdoul Karim
3. GAKUBA Jeanne d'Arc
4. SINDIKUBWABO Jean Népomuscène
5. MURESHYANKWANO Marie Rose
6. MUKAZAYIRE Nelly
7. UTUMATWISHIMA Jean Népo Abdallah
8. TWAGIRAYEZU Gaspard
9. KWIZERA Christelle
10. MUGANZA Juliana
11. HABONIMANA Charles
12. IRADUKUNDA Yves
13. UWIMBABAZI MAZIYATEKE Sandrine
14. MBARUSHIMANA Assoumpta
15. KABANO P. Celestin

**ABAKOMISERI BAHAGARARIYE URUBYIRUKO**

1. GIRANEZA Gabriel
2. URUJENI Raissa
3. BAGIRISHYA Rwema Dominique
4. UMUHOZA Vanessa Gashumba
5. MUGESERA Sam
6. NIYOMUKIZA Joseph
7. INGABIRE Jessica
8. MPAYANA Gladys

9. ISIMBI Rita

10.MUNYABUGINGO Albert

Nkuko bitegenywa mu mategeko ngengamikorere y'Umuryango FPR-INKOTANYI, kugira ngo umubare w'abagize Komite Nyobozi/ NEC wuzure (30) Abakomiseri basigaye babiri (2) bazashyirwaho na Komite Nyobozi yatowe.

Abagize Inama nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI biyemeje kurushaho kuzuza inshingano bafite zo kubaka Igihugu, gukora ku buryo budasanzwe kuko n'ibibazo Igihugu cyacu gihanganye nabyo bikomeye bitandukanye n'iby'ibindi bihugu.

Abagize Inama Nkuru y'Umuryango FPR- INKOTANYI biyemeje kandi gukomeza gutera intambwe mu mitekerereze n'imikorere myiza ku buryo hiyongera Abanyarwanda bayobora neza abandi mu nzego zose by'umwihariko ku rwego rw'Igihugu.

Abanyamuryango bashimiye Nyakuhahwa Perezida Paul KAGAME wongeye kugirirwa icyizere cyo kuyobora Umuryango FPR-INKOTANYI mu gihe cy'imyaka 5 iri imbere kubera ubwitange, umwete n'ubuhanga agaragaza mu kuyobora Umuryango FPR-INKOTANYI n'Igihugu cyacu.

Bikorewe i Kigali, ku wa 02 Mata 2023

**GASAMAGERA Wellars,**

**Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR-INKOTANYI.**